REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

# Inama nziza




Icapwa rya kabiri

Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**


REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

Umuyugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# Inama nziza




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**



NIYODUKESHA MAHORO Bernice, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 3 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Fugi, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, INAMA NZIZA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).


Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.




Ikimonyo n’umuswa byari inshuti.
Bigafashanya imirimo yose.
Byatungwaga no guhinga imboga.




Byakweza bikagurisha.
Bikagabana amafaranga avuyemo.
Hanyuma bigahaha ibyo bikeneye.




Byakoraga n'amasaro mu mpapuro.
Byayagurishaga hirya no hino.
Byari bifite amasoko menshi.



Abanyamahanga barahuruye.
Bazanywe no kureba  uko bikora amasaro.
Ibyo byatumye bibona amasoko hanze.



Ikimonyo cyari gifite umugambi.
Cyashakaga kuziyubakira inzu ikomeye.
Amafaranga kikayabitsa muri banki.




Umuswa  wo wayabikaga mu mwobo.
Noneho ukayabumbiraho icyondo.
Wahoraga ufite ubwoba ko bazayiba.



Ikimonyo kikawubwira kugana banki.
Umuswa ukabyemera ariko ntubikore.
Wishimiraga kuyibikira ukiririrwa uyabara.



Umunsi umwe, hagwa imvura y'amahindu.
Imyaka yari mu mirima itwarwa n'amazi.



Umuvu utwara n'inzu y'umuswa.
Amafaranga yawo ahinduka urwondo.
Inoti zimwe ziracikagurika, izindi zirabura.




Ikimonyo kiza gutabara umuswa.
Gisanga ibyangiritse ari byinshi.
Kibonye icyo gihombo kirababara cyane.



Ikimonyo kiyemeza gufasha umuswa.
Abaturanyi na bo batanga inkunga.
Umuswa ubona aho uzajya urara.




Umuswa ufata ijambo ushimira abawutabaye. Ubabwira uko ikimonyo cyawugiraga inama. Wicuza icyatumye utacyumvira.



Ikimonyo gifata ijambo.
Gikangurira abari aho kugana banki.
Bose bavuga ko bagomba kuva mu bujiji.





Hashize iminsi ikimonyo kijya kubikuza.
Cyari kimaze kugira amafaranga menshi.
Kigura ibikoresho kibumbisha amatafari.




Ikimonyo kiyubakira inzu nziza cyane.
Hanyuma, cyubaka aho kororera inkoko.



Nuko gitera imbere kubera kwizigamira.
Mu gihe gito kigura imodoka.
Kikayifashisha mu kugeza amagi ku isoko.




Umuswa ubibonye, ufata ikemezo.
Ntiwongera kubika amafaranga mu rugo.
Wiyemeza kugana banki bakawungukira.



Ikimonyo na cyo nticyatererana umuswa.
Kiwuguriza amafaranga urishima cyane.
Utangira ibikorwa byo kwiteza imbere.